**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA KICUKIRO**

**Kicukiro, kuwa 20/07/2012**

**Réf. N°012/07.0103/Njy/2012**

Received by [illegible] Abel for the city of Kigali 20/07/2012

**Bwana Umuyobozi w'Umujyi**
**wa Kigali**
**KIGALI**

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 14/07/2012

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 14/07/2012.

Iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro.

**Dr NYIRAHABIMANA Jeanne**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
  **KICUKIRO**

Received by Louise A.A. to Mayor 23/07/012

MINALOC
Pour réception
Date...23 JUL 2012
Signature.......

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 14/07/2012**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 14/07/2012 iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama Dr Jeanne NYIRAHABIMANA. Inama yatangiye saa tatu n'iminota mirongo ine (9 :40) isoza imirimo yayo saa moya n'igice (19h30). Mbere y'uko inama itangira, Umuyobozi w'inama yibukije abajyanama ko Umunyamabanga w'Inama Njyanama yabyaye akaba atashobora kuza mu nama, asaba abajyanama gutora umwanditsi w'inama. Inama njyanama yemeje ko Umujyanama Ingabire Laetitia ariwe uba umwanditsi w'inama nawe arabyemera, icyemezo gitorerwa n'abajyanama 15/15 bari mu cyumba cy'inama.

Abajyanama bitabiriye inama bari 17/22.

| N° | AMAZINA | *ICYO AKORA* | E-MAIL ADRESS | *TELEFONE* |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | Perezida wa Njyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788512107 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | V/Perezida | twagirainn @yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | INGABIRE Laetitia | Umujyanama | ingabirel2002@yahoo.ca | 0788359187 |
| 4 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | Karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 5 | KAZENGA Diogène | Umujyanama | kazengadio@yahoo.fr | 0788306960 |
| 6 | KARIGIRWA Agnès | Umujyanama | agnes.karigirwa@gmail.com | 0788508081 |
| 7 | MBONIGABA François | Umujyanama | mbonifr@gmail.com | 0788410598 |
| 8 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama | basingabetty@yahoo.com | 0788524793 |
| 9 | MUKAMA Wellars | Umujyanama | wmukama@yahoo.com | 0788442757 |
| 10 | KAYIRANGWA Anita Marie Dominique | Umujyanama | kanita.md@gmail.com | 0788301008 |
| 11 | MURENZI Dieudonné | Umujyanama | nzidieu2002@yahoo.fr | 0785041578 |
| 12 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama | namimy2006 @yahoo.fr | 0788735823 |
| 13 | NDAMAGE Paul Jules | Umujyanama | ndamagepauljules @yahoo.fr | 0788525548 |
| 14 | NKUBANA Dismas | Umujyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 15 | UMUHOZA Ange | Umujyanama | hozange8 @yahoo.fr | 0788517701 |
| 16 | UMUHOZA Rose Marie Diane | Umujyanama | Mamiane2@yahoo.fr | 0788435105 |
| 17 | UWAYISABA Florence | Umujyanama | uwayisabaf@yahoo.fr | 0788354659 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | UWAMARIYA Annet | Umunyamabanga | **wannet@yahoo.com** | 0788763800 |
| 2 | BIZUMUREMYI Gakwandi | Umujyanama | bizouga2001@yahoo.fr | 0788529623 |
| 3 | KAMALI Fulgence | Umujyanama | kamalifulgence@yahoo.fr | 0788510202 |
| 4 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788572974 |
| 5 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |

Umuyobozi w'inama yatangije inama asomera abajyanama ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa , hasabwa kongerwaho ingingo ya 8 yo kwiga ku kibazo cy'isoko rya Kabeza . Mu bintu n'ibindi hemejwe ko Inama njyanama yiga ku kibazo cy'abaturage bo

mu Murenge wa Kicukiro batuye mu gishanga, abajyanama bakaza no kumenyeshwa amahugurwa batumiwemo .

Ingingo zemejwe ku murongo w'ibyigwa:

1) Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe yo kuwa 23/06/2012
2) Kwemeza imidugudu y'Umujyi n'iri mu nkengero zawo mu karere ka Kicukiro .
3) Mu rwego rwo kwagura umuhanda Rwandex - Prince house, kwemeza ko abahaturiye bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange.
4) Raporo:
- Komisiyo politike
- Komisiyo sociale
- Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu
- Komisiyo yo kurwanya akarengane
- Komite y'ubugenzuzi
- Akanama gashinzwe kujonjora abakozi
5) Umwanzuro wa Njyanama ku bakozi bahagaritswe by'agateganyo
6) Raporo ya Pharmacie y'Akarere
7) Cotisation za RALGA
8) Ikibazo cy'isoko rya Kabeza
9) Ibintu n'ibindi:
- Ku kibazo cy'abaturage bo mu Murenge wa Kicukiro batuye mu gishanga
- Ubutumire mu mahugurwa y'abajyanama 10 b'Akarere n'Imirenge.

## I. GUSOMA NO KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE YO KUWA 23/06/2012

**Umwanzuro wa 046/07/12:**
Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 23/06/2012 imaze gukorerwa ubugororangingo bushingiye ku myandikire y'ururimi, icyemezo gitorwa n'abajyanama 15/15 bari mu cyumba cy'inama.

## II. KWEMEZA IMIDUGUDU Y'UMUJYI N'IRI MU NKENGERO ZAWO MU KARERE KA KICUKIRO

- Abagize komisiyo y'iterambere ry'ubukungu bafatanyije n'umukozi wa "RWANDA HOUSING AUTHORITY (RHA)" bagejeje ku Inama Njyanama raporo y'imidugudu igize Akarere ka Kicukiro yiswe "**imidugudu y'Umujyi n'iri mu nkengero z'Umujyi".** Bayigaragarije ko RHA yabiteguye neza. Icyakora hari imidugudu imwe yari yashyizwe mu nkengero z'umujyi imaze kugera ku rwego rushimishije, abagize Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu basabye ko yakongerwa mu midugudu y'Umujyi. Iyo midugudu ni : GAHANGA, GATARE , GATOVU, RININI, RWINANKA , UBUMWE yo mu murenge wa Gahanga , akagari ka Gahanga.

- Komisiyo y'iterambere ry'Ubukungu yagaragarije inama Njyanama ko mu rwego rw'imisoreshereze hari imidugudu ibarirwa mu gice cy'Umujyi ikwiye kugabanyirizwa ubukode ku butaka. Iyo midugudu ikaba yakwiyongera ku midugudu yo mu nkengero y'Umujyi mu rwego rw'imisoreshereze gusa. Iyo midugudu igaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:

| UMURENGE | AKAGARI | UMUDUGUDU |
|---|---|---|
| KIGARAMA | Bwerankori | Gakokobe |
| | | Kabutare |
| | Nyarurama | Zuba |
| | | Kamabuye |
| | | Kivu |
| KANOMBE | Busanza | Radari |
| | | Antene |
| | | Gashyushya |
| | Karama | Yose |
| NYARUGUNGA | Kamashashi | Kibaya |
| GAHANGA | Gahanga | Yose |
| | Karembure | Amahoro |
| | | Kamuyinga |
| | | Karembure |
| | Kagasa | Kiyanja |
| MASAKA | Cyimo | Yose |

**Umwanzuro wa 047/07/12:**
Abajyanama bamaze kurebera hamwe ibyashingiweho bashyira imdugudu imwe mu mujyi n'indi mu nkengero z'umujyi bafashe imyanzuro ikurikira:

- Inama Njyanama yemeje "**imidugudu y'Umujyi n'iri mu nkengero z'Umujyi**" nk'uko yagaragajwe na "Rwanda Housing authority" hiyongereyeho iyari yibagiranye nk'uko yagaragajwe na Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu. Imbonerahamwe iri ku mugereka iragaragaza amazina y'umurenge, akagari n'urwego umudugudu ubarirwamo.

- Inama Njyanama yemeje ko imidugudu yagaragajwe na Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu ibarizwa mu mujyi ariko ikaba igifite isura z'inkengero z'umujyi yakwitabwaho mu misoreshereze, igasora nk'iyo mu nkengero z'umujyi.

## III. MU RWEGO RWO KWAGURA UMUHANDA RWANDEX - PRINCE HOUSE, KWEMEZA KO ABAHATURIYE BIMURWA KU MPAMVU Z'INYUNGU RUSANGE.

Umuyobozi w'inama amaze gusomera inama njyanama ibaruwa n° 1666/07.01.07/12 yo kuwa 08/05/2012 Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Akarere amumenyesha ko " Umujyi wa Kigali ubifashijwemo na Minisiteri y'Imari n'igenamigambi watangiye igikorwa cyo kubaka imihanda ifite uburebure bwa kilometero 33.98 ibarirwa

mu Mujyi wa Kigali. Muri iyo mihanda hakaba harimo n'umuhanda wa Rwandex-Sonatubes – Prince House uteganywa kwagurwa." Akaba ari muri urwo rwego banditse basaba ko Inama Njyanama y'Akarere yemeza ko "uwo mushinga uri mu nyungu rusange bityo abaturage bafite imitungo yabo itimukanwa iri mu mbago z'Umuhanda bakazagenerwa ingurane ikwiye".

**Umwanzuro wa 048/07/12:**

Inama Njyanama yemeje ko kwagura umuhanda ari igikorwa cy'inyungu rusange bityo abaturage bafite imitungo yabo itimukanwa iri mu mbago z'umuhanda ***Rwandex-Sonatubes – Prince House,*** bakazagenerwa ingurane ikwiye".

## IV. RAPORO:

### A. KOMISIYO Y'UBUYOBOZI, POLITIKE N'AMATEGEKO

Komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko yagejeje ku nama Njyama raporo yayo ku:

- Ikibazo cy'abakozi,
- Itegeko ryo gusonera
- Ikibazo abaturge ba Nyarugunga bagejeje ku nama Njyanama

#### ➢ IKIBAZO CY'ABAKOZI

Komisiyo yagaragarije Inama Njyanama imyanya yose iri kuri cadre organique y'Akarere harimo iri kuri cadre organique ya MIFOTRA, iyemejwe n'Inama Njyanama, itaremezwa n'indi myanya mishya ikenewe.

**Umwanzuro wa 049/07/12:**

❖ **Imyanya yongerewe kuri cadre organique y'Akarere**

Inama Njyanama yongeye kwemeza imyanya Akarere kongereye kuri cadre organique ariyo:

| Nº | Post | Job profile |
|---|---|---|
| 1 | Security Officer (5) | Training in security |
| 2 | Secretary of Notary | A2 in Secretariat |
| 3 | Planning | A0 in Economics, Development Studies, Planning |
| 4 | Assistant accountant | A0 Accounting, Public Finance, Management specialised in Accounting, Plus Level II Professional qualification recognised by IFAC, (ACCA, CPA, etc) |
| 5 | Comptable des recettes | A0 Accounting, Public Finance, Management specialised in Accounting, Plus Level II Professional qualification recognised by IFAC, (ACCA, CPA, etc) |
| 6 | Actualisation des dossiers enseignants | A1 en Pédagogie ou A2 en pédagogie avec une expérience au mois de cinq ans dans le poste; |
| 7 | Receptionist &customer care in Land bureau | A0 Marketing , Communication, Public Relations or other relevant field with proven experience in customer care service friendly outgoing personality, Fluent in Kinyarwanda, English and French |

| | | |
|---|---|---|
| 8 | Urban Planning[1] | A0 in Land Management, Urbanism, Civil Engineering |
| 9 | Surveyor Technician (3) | A0 in Land Management, Urbanism, Civil Engineering |
| 10 | In charge of Land Administration technician | Ao in land administration and valuation or in Land Economics. |
| 11 | In charge of Disability Affairs in National Council of Persons with Disabilities | Bachelor's Degree in Social Sciences, Management, Law, Public Administration. |
| 12 | In charge of Archives[2] in Land bureau | A0 in Library & Information Sciences, Documentation Studies |
| 13 | Director of Mutuelle[3] | A0 en gestion, économie, comptabilité, santé publique, sciences infirmières, santé et développement, développement ou sociologie |
| 14 | In charge of facturation in Mutuelle | A0 en gestion, économie, comptabilité |
| 15 | Accountant of mutuelle | A0 in Accounting |
| 16 | In Charge of Hygienne at sector level | A2 in Law, in Social |
| 17 | Drivers (6)[4] | Permis de conduire cat B, C or other categories |
| 18 | Professionnal in Charge of Mayor's office | A0 in Law |
| 19 | Professionnal in Charge of Executive secretary 's office | A0 in Law |
| 20 | Billing officer (2) | A0 in management |
| 21 | Administrative Assistant to the Vice-Mayor[5] | A1 in secretariat |
| 22 | In charge of itorero | A0 in Sociology, social work, political sciences , public administration, education, law, Rural development , business administration. |
| | Attaché au bureau de l'éducation | A2 en pédagogie |
| | Executive secretary wa CNJ | Bachelor's Degree in Social Sciences, Management, Law, Public Administration. |
| | Executive secretary wa CNF | Bachelor's Degree in Social Sciences, Management, Law, Public Administration. |

❖ **<u>A bakozi batujuje ibisabwa ku mwanya bariho</u>**

**Umwanzuro wa 050/07/12:**
Inama Njyanama yemeje ko abakozi batujuje ibisabwa ku mwanya bakoraho bimurirwa ku mwanya bafitiye impamyabumenyi. Iki kibazo cyagaragaye ku bakozi bakurikira:

a) **Administratives assistants** (to the Mayor, Vice Mayors and Executive secretary) basabwa kuba bafite A1 muri secretariat ariko ugasanga bafite A2 ;

[1] Kuri cadre organique ya MIFOTRA uyu mwanya usanzweho ariko mu Karere ka KICUKIRO hakenewe abakozi babiri kuri uyu mwanya.
[2] Kuri cadre organique ya MIFOTRA uyu mwanya usanzweho ariko mu Karere ka KICUKIRO hakenewe abakozi babiri kuri uyu mwanya.
[3] Imyanya ya Mutuelle de santé iteganywa na Minisitère y'ubuzima ariko abakozi bashyirwa mu myanya n'Ubuyobozi bw'Akarere.
[4] Akarere kari gasanganywe abashoferi 4 ku modoka 4 gafite, ariko bitewe n'uko hari imodoka y'umutekano ikora ijoro, hasabwe ko hiyongeraho umushoferi wo gukora ijoro n'uzajya asimbura igihe abandi bagiye muri konji.
[5] Cadre Organique iteganya umwanya umwe ku ba vice Mayors 2, Inama Njyanama yemeje ko buri Vice Mayor agira assistant we.

b) **Director of finance** asabwa kuba afite Accounting Professional Qualification recognised by IFAC(ACCA, CPA etc) cyangwa A0 in Public Finance, Accounting, Management specialising in Accounting ariko uri kuri uwo mwanya afite A0 in Management.

c) **Secretary kuri Notariat,** Karamba Peace usabwa kuba afite A2 in secretariat, Inama Njyanama yemeje ko ashaka equivalent ya "East African Advanced Cerificate of Education" igaragara muri dosiye ye.

d) Suveyor technician (3 ) basabwa kuba bafite A0 in Land Management, Urbanism, Civil Engineering ; Or other relevant field ariko abari mu kazi bakaba bafite A2 muri public construction na A2 muri Topography.

e) Umukozi BENIMANA Bernadette ufite A0 muri diplomacy akaba ari ku mwanya wa secrétaire mu murenge wa NIBOYE ahasabwa A2. Yapiganirwa umwanya ujyanye n'ibyo yize.

❖ **Imyanya yemejweho abakozi**

**Umwanzuro wa 051/07/12:**

a) Inama Njyanama yemeje ku mwanya wa in Charge of Education Bwana **HABIMANA Jean Pierre,** ufite A0 in Education wahoze ari umuyobozi w'ishuri rya "Groupe scolaire Masaka I" akaba kuva tariki ya 16/01/2012 yarasabwe gukora by'agateganyo ku mwanya w'Ushinzwe uburezi mu Karere, kandi bikaba byaragaragariye ubuyobozi ko akora neza.

b) Inama Njyanama yemeje ko **NKURUNZIZA Védaste**, A0 in Law, wari waremejwe ku mwanya wa Local revenue collection mu murenge wa Gikondo ahasaba ufite A0 in Public Finance & Accounting Management ajya ku mwanya wa "In charge of civil status"ahasabwa A0 in Law. Yemejwe mu Murenge wa Gikondo kuko uwo mwanya nta mukozi ufite; umwanya yariho ukazashyirwa ku isoko.

c) Inama Njyanama yemeje ko **RWABURINDI Jocelyne**, A0 in Administration, wari waremejwe ku mwanya wa Local revenue inspector mu murenge wa Masaka ahasaba ufite A0 in Public Finance & Accounting Management ajya ku mwanya wa "In charge of Health and social Protection"ahasabwa A0 in Public administration. Yemejwe mu Murenge wa Masaka kuko uwo mwanya nta mukozi ufite; umwanya yariho ukazashyirwa ku isoko.

- **Imyanya yahujwe n'imyanya yatandukanyijwe**

**Umwanzuro wa 052/07/12:**

a) Mu gihe mu mirenge hari secrétaire comptable wahuzaga akazi ko kwakira abagana Umurenge na comptabilite y'Umurenge, Inama Njyanama yemeje ko iyo mirimo yobi itandukanywa noneho Umurenge ugashakirwa Secretary na Accountant bujuje ibisabwa kandi hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko.

b) Ku myanya itatu igaragara ku rutonde rw'imyanya iri kuri cadre organique y'Umurenge ariyo :

- Infrastructures,Roads protection,Public maintenance, umuganda
- Land management,infrastructure&rural settlement
- Urban Planning

Inama Njyanama yemeje ko ihuzwa cyane ko ibisabwa kuri iyo mwanya ari bimwe, buri Murenge ugashakirwa umukozi ubifite mu nshingano byose.

- **Umwanya w'ushinzwe gucunga imitungo itagira beneyo.**

Iteka rya Minisitiri n° 009/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho abagize komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo, riteganya ko umukozi ushinzwe imitungo itagira bene yo ashyirwaho mu gihe iyo mitungo ishobora bubyazwa umusaruro ungana na miliyoni eshatu ku gihembwe. Inama Njyanama yamenyeshejwe ko uwo mutungo utigeze ugera kuri miliyoni eshatu ahubwo uwo mukozi akaba yarakomeje guhembwa amafaranga ava ku mutungo bwite w'Akarere aho kubahiriza ibiteganywa n'itegeko.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa amaze gusobanurira Inama Njyanama ko we abona iyo mitungo ishobora kubyazwa uwo mutungo, ko ahubwo uwo mukozi yabuze komite akorana nayo kuko izagiyeho zagiye zihindagurika kandi n'imitungo imwe ikaba ikoreshwa n'inzego z'ubuyobozi bityo kuyibarura yose no kuyiha agaciro bikaba bitarakozwe.

**Umwanzuro wa 053/07/12:**

Inama Njyanama yafashe umwanzuro wo :

- Gushyiraho komite ishinzwe gucunga imitungo itagira beneyo mu gihe cya vuba;
- Guha umukozi ushinzwe imitungo itagira bene yo igihe cy'amezi 3 kugirango imitungo itagira beneyo yose ibe yabaruwe kandi hamenyekane n'agaciro kayo.

Ibyo bizatuma hafatwa umwanzuro wo kwemeza cyangwa kuvanaho umwanya w'umukozi uhoraho ushinzwe imitungo itagira beneyo.

- **Imyanya yabaye ivanywe kuri organigramm bitewe n'uko idakenewe muri iki gihe**

**Umwanzuro wa 054/07/12:**

Bitewe n'imitererere y'imirenge , umwanya wa *"* ***agronome and natural resources"*** *n'uwa* ***"livestock"*** yavanyweho mu mirenge ya Gikondo, Kigarama, Gatenga, Kicukiro, Niboye, Kagarama na Nyarugunga.

❖ **Imyanya yo gushyira ku isoko**

**Umwanzuro wa 055/07/12:**
Inama Njyanama yemeje ko imyanya ikurikira ishyirwa ku isoko:

a) **Ku karere**
1. Procurement officer (1)
2. Accountant of the district (1)
3. In charge of Local revenue collection (1)
4. Local finance inspector (1)
5. Director of administration (1)
6. In charge of disaster management (1)
7. Professional in charge of Mayor's office (1)
8. Professional in charge of Executive secretary's office (1)
9. Administrative assistant to the Vice Mayor (1)
10. Executive secretary wa CNJ (1)
11. Executive secretary wa CNF (1)
12. In charge of Mutual insurance mobilization (1)
13. In charge of Disability Affairs in N C. P. D.
14. Livestock
15. Secretary to the Unit (2)
16. Attaché au bureau de l'éducation
17. Drivers 2 (uzajya akora ijoro n'uzajya asibura igihe hari umushoferi wagiye muri konji (2)).

b) **Mu mirenge**
1. Accountant (10)
2. Secretary aho batari
3. Agronome na Livestok mu mirenge ibakeneye
4. Governance (9)
5. Local revenue collection (10)
6. Local revenue inspector (8)
7. Cooperatives & business promotion aho bakenewe
8. Health& Social protection (2)

c) **Mu tugari**
1. Executive secretary (aho batari)
2. Socio- Economic development (aho batari)

❖ **Imyanya ya One Stop Center**

**Umwanzuro wa 056/07/12:**
Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere kwihutisha gushaka ibisabwa (Title – job profile – qualifications,…) ku bakozi bagize One Stop Center kugirango imyanya ikenewe ishyirwe ku isoko. Yasabwe no kumenya uko One Stop Center iteye ku rwego rw'Umujyi, no mu turere tugize Umujyi hashingiwe ku mabwiriza ya MINALOC kugirango habeho guhuza.

Inama Njyanama yasabye ko imbonerahamwe igaragaza abakozi n'imyanya nk'uko yagejejwe muri komisiyo y'Ubuyobozi, politike n'amategeko inozwa.

➢ **<u>ITEGEKO RYO GUSONERA UMUSORO</u>**

Inama Njyanama yo kuwa 01/06/2012 yasabye komisiyo y'Ubuyobozi, Politike n'amategeko kwifashisha umunyamategeko mu karere kugirango hamenyekane niba Inama Njyanama yemerwe gusonera umusoro ku mutungo utimukanwa abaturage batishoboye .
Komisiyo yatanze raporo ku mategeko bashoboye kubona ariko Inama Njyanama isanga ibwiriza Umujyi wa Kigali washingiyeho umenyesha njyanama ko itasonera umuturage usanzwe afashwa na Leta (VUP) komisiyo itararirebye,

**Umwanzuro wa 057/07/12:**
Inama Njyanama yasabye komisiyo y'ubuyobozi, politiki n'amategeko kongera kureba amategeko yose ajyanye n'imisoro.

➢ **IKIBAZO ABATURGE BA NYARUGUNGA BAGEJEJE KU NAMA NJYANAMA**

Abaturage bo mumudugudu wa Kavumu, Umurenge wa Nyarugunga bandikiye Inama Njyanama basabwa ko bakemurirwa ikibazo cy'abaturage bubaka ahagenewe kuzacibwa umuhanda. Inama Njyanama ikaba yari yasabye komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko gukurikirana icyo kibazo.

Umuyobozi wa Komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko yasobanuriye Inama Njyanama ko mu gihe bari bagiye gusuzuma icyo kibazo aho cyavugwaga mu kagari ka kavumu basanze komite nyobozi yaramaze kugicyemura , abasabaga kurenganurwa n'abo baregaga bishimiye imikemurire y'ikibazo.

**B. RAPORO YA KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UMUGORE, URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

Komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage yagejeje ku Inama Njyanama raporo y'uko basuye Farumasi y'Akarere mu rwego rwo kumenya imikorere yayo, bagasanga nta bibazo ifite uretse kuba bakorera ahantu hato, ariko icyo kibazo kikaba kizakemuka vuba kuko batangiye kubaka inzu ibereye farumasi.

**Umwanzuro wa 058/07/12:**
Inama Njyanama yemeje raporo ya komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage.

## C. KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku nama Njyanama raporo ijyanye:

- Urutonde rw'abasora b'Akarere;
- Iteka rya Hon. Minister wa MINECOFIN rigena ibiciro by'amahoro azakwa muri 2012-2013

### a) Urutonde rw'abasora b'Akarere

Komisiyo yagaragarije Inama Njyanama ibitabo bibiri:

- Kimwe kigaragaza urutonde rw'abakodesha ubutaka mu karere ka Kicukiro 2012-2013
- Ikindi kigaragaza urutonde rw'abasora umusoro w'i patanti, umusoro ku mitungo itimukanwa (IP) , umusoro ku bukode bw'amazu n' ibyapa byamamaza.

Basobanuye ko muri ibyo bitabo hakirimo ibyo kunoza. Basabye kandi Inama Njyanama ko hashyirwaho umunsi Inama Njyanama izaganiriza abaturage ku misoro n'amahoro mu rwego rwo gukundisha abaturage kwitabira umusoro

**Umwanzuro wa 059/07/12:**

Inama njyanama yemeje ko Biro y'Inama Njyanama izagena uwo munsi Inama Njyanama izaganiriza abaturage ku misoro n'amahoro mu rwego rwo kubakundisha kwitabira umusoro, abajyanama bakazigabanya mu matsinda 3.

### b) Iteka rya Hon. Minister wa MINECOFIN rigena ibiciro by'amahoro azakwa muri 2012-2013

- Kubirebana n'iteka rigena ibipimo ngenderwaho hashyirwaho ibiciro rirasohoka, bityo komisiyo ikaba yasabye ko Njyanama yakwemeza ko mu gihe ritarasohoka haba hakoreshwa ibiciro byari bisanzwe hakazabaho inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kubyemeza mugihe rizaba ryasohotse.

**Umwanzuro wa 060/07/12:**

Inama njyanama yemeje ko ibipimo by'imisoro ngenderwaho mu mwaka wa 2012-2013 hakaba hakoreshwa ibyari byaremejwe n'Inama Njyanama mu gihe hagitegerejwe ko hasohoka iteka rya minisitiri ribigena.

## D. KOMISIYO YO KURWANYA AKARENGANE

Abagize komisiyo yo kurwanya akarengane batanze raporo ku mikemurire y'ibibazo by'abaturage babiri basabye kurenganurwa aribo: NSABIMANA Philbert na RUGAMBWA Charlotte bombi bo mu Murenge wa Masaka.

1) **Ikibazo cya NSABIMANA Philbert**

❖ **Imiterere y'ikibazo**

- NSABIMANA Philbert avuga ko yahawe ikibanza mu Murenge wa Masaka mu 1998, agihabwa n'uwitwa Emmanuel HITAYEZU wari Responsable icyo gihe. Apatana na MANIRAGABA Martin babumba amatafari batangirakubaka. Bageze ku madirishya NSABIMANA Philbert aza gutemagurwa n'abagizi ba nabi amara igihe arwaye. Aho akiriye agarutse asanga inzu ihari ariko yaratangiye gusenyuka kubera itari isakaye, kubera ko nta mafaranga yari afite kubera ibyo bibazo, yagiye gushaka amafaranga ngo akomeze kubaka aho agarukiye asanga inzu ntikirimo harimo kubakamo undi muntu abajije bamubwira ko ari uwitwa HITIMANA Epimaque urimo kuhubaka atangira gukurikirana ikibazo kugeza ubu ntikirakemuka.

- HITIMANA Epimaque avuga ko yabwiwe na KAMPAYANA Alphonse ko aho hari ibibanza barimo gutanga, aza gusaba nawe ahabwa na Emmanuel HITAYEZU wari Responsable anahabwa acte de notoriété, ari nacyo cyangombwa cy'umutungo afite kugeza ubu. Nawe akihabona yatangiye kubaka apatana na Xavier arubaka, ageze ku madirishya nawe ubushobozi burabura iyo nzu nayo iza gusenyuka.

- KAMPAYANA Alphonse avuga ko ajya kuharangira Epimaque hari ibihuru nta nzu yari irimo kandi ko yahahawe n'ubuyobozi.

- NSABIMANA Innocent avuga ko abo bagabo bombi bahubatse kuko bose yakoze ku mazu yabo yahawe ikiraka nababaga bapatanye nabo. Avuka ko yubatse ku inzu ya NSABIMANA Philbert ahawe ikiraka na Martin. Barubatse bageze ku madirishya nyiri inzu arabura kugeza ubwo inzu yaje kugwa. Nyuma ngo haje gufatwa na Epimaque nawe aramwubakira ahawe ikiraka na Xavier; nabwo barubatse bamaze gusakara barahagarara inzu iguma aho iza no kugwa.

- Umuyobozi w'Umudugudu we avuga ko yaje kuhatura muri 2002 ariko inzu yahabonye ari iya Epimaque.

❖ **Uko Komisiyo ibibona**

Nyuma yo kumva abafitanye ikibazo bombi no kumva icyo abaturage babivugaho, komisiyo yasanze koko icyo kibanza cyari icya NSABIMANA Philbert bwa mbere. Nyuma ubuyobozi buza kugiha na none HITIMANA Epimaque, amaze kubona icyo kibanza yashoboye kubona n'ibyangombwa mu gihe NSABIMANA Philbert we afite aka reçu gusa kariho 1300frw katagira na Cachet udashobora no kumenya icyo yishyuraga. Nubwo bombi bahawe n'ubuyobozi, ufite ibyangombwa niwe uba ari nyirikibanza Ikibanza cyagumana HITIMANA Epimaque kuko niwe ugaragaza ibyangombwa by'uko aho hantu ari ahe.

**Umwanzuro wa 061/07/12:**

- Abagize inama njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo;
- Basanze NSABIMANA Philbert ariwe wahawe aho hantu bwa mbere akaza kugirirwa nabi byatumye ajya kwivuza no hanze,
- Basanze uwari wamuhaye icyo kibanza ariwe wagihaye na HITIMANA Epimaque;

Inama Njyanama yemeje ko uwa mbere wari wahawe ikibanza ariwe ugihabwaho uburenganzira, naho HITIMANA Epimaque nawe kuko yahawe n'Ubuyobozi agahabwa ikindi kibanza n'ubuyobozi bw'Akarere.

2) **Ikibazo cya RUGAMBWA Charlotte**

❖ **Imiterere y'ikibazo**

RUGAMBWA Charlotte yashakanye na Mugerwa Juvénal mu 1998 byemewe n'amategeko, ubu bakaba bafitanye abana bane akaba yarataye urugo 2010 atangira no gusahura umutungo w'umuryango. Avuga ko kuva bashakana n'umugabo we bari bafite amasambu abiri: Rusheshe na Gako.

Ikibazo gihari n'icy'**isambu ya Gako** bari barasaranganyijwe muri 1998 n' umusaza NSEKANABANZI, ubu umugabo we yayandikishije kuri nyina kandi imyaka yose babanye kugera muri 2010 umugabo ata urugo rwe yari iyabo barahinzemo n'urubingo. **Inzu nayo batuyemo** Umugore avuga ko yayubatse ku nkunga ya "WIT" none ubu umugabo yayandikishije ku muntu w'inshuti yo kwa mukuru we.

Ubwo komisiyo yajyaga gukemura iki cyibazo i Masaka habonetse RUGAMBWA Charlotte na Mukuru w'umugabo we na bashiki b'umugabo.

Mukuru w'umugabo KAYINAMURA Fidèle niwe wavuze mu izina ry'umuryango, avuga ko uwo mutungo ari uw'umuryango ko ise BUJIGO Cyrille yagiye gusaba gusaranganywa bamubwira ko umuhungu we MUGERWA Juvenal yahawe ahantu habiri kandi bitemewe agomba kumuha hamwe, amuha aho Gako hanyuma umuhungu asigarana Rusheshe ubu we n'umugore bakaba barahagurishije.

MUKAMPARIRWA Chantal n'umuturanyi wabo avuga ko igihe cyose yari azi ko iyo sambu ari iya MUGERWA Juvenal na RUGAMBWA Charlotte cyane cyane ko umusaza NSEKANABANZI Claver basaranganyije ari se wabo. Igihe cyose yabonaga RUGAMBWA Charlotte ariwe uhahinga, yaje kumva amakuru y'uko atari ahabo mu Nteko Rusange y'Akagari ka Gako yabaye kuwa 12/10/2011 igamije gukemura ikibazo cy'aba baturanyi be.

- **Ibyangombwa by'isambu**

RUGAMBWA Charlotte agaragaza urupapuro rugaragaza abantu uko basaranganyijwe1998.

KAYINAMURA Fidele uhagarariye umuryango yagaragaje icyangombwa cy'umutungo yahawe n'umurenge wa Masaka, icyo cyemezo bagihawe muri 2010. Icyo cyemezo kikaba cyarabahesheje amasezerano y'ubukode burambye.

- **Uko komisiyo ibibona**

Komisiyo imaze kumva impande zombi, imaze gusesengura ibyemezo bahawe ndetse n'umwanzuro w'inteko Rusange y'Akagari barasanga iki cyemezo cyahawe MUKANDANGA Josepha washakanye na BUJIGO Cyrilo ariwe se wa MUGERWA Juvenal bavuga ko yahawe isambu yari iy'umuhungu we ubu akaba yaritabye Imana,

Nyuma yo kubona ibyo byangombwa, twasabye KAYINAMURA Fidèle ko yazana urwandiko rw'ubuyobozi rusaba Mugerwa Juvenal ko yatanga ikibanza kimwe mu byo yari yahawe igihe kisaranganywa.

Komisiyo ibona uwo mutungo ari uwo umuryango wa Mugerwa Juvenal, ahubwo mu gihe yataga urugo, umuryango we ukaba warashatse uburyo yawigarurira. Komisiyo ikaba isaba ko uwo mutungo ugizwe n'inzu n'isambu bishinganishwa mu gihe ikibazo kizasobanurwan'inzego zose zibifite mu nshingano.

**Umwanzuro wa 062/07/12:**
Inama Njyanama yasanze Charlotte yararenganye, cyane ko avuga ko yatambamiye iyandikwa ry'ubutaka ariko bikanga bikandikwa, hagatangwa ibyangombwa.

- Inama Njyanama yemeje ko uwo mutungo ugizwe n'inzu n'isambu bishinganishwa mu gihe ikibazo kitararangira. Umuyobozi w'Akarere yasabwe kubikurikirana.

- Inama Njyanama yemeje kandi ko RUGAMBWA Charlotte agirwa inama yo kwegera ubuyobozi bw'Akarere kugirango agezwe kuri MAJ izamufashe kugana inkiko.

Hibukijwe kandi ikibazo cya HAGUMA MBIZI kitararangirzwa, Inama Njyanama isaba Umuyobozi w'Akarere kukirangiza vuba.

## E. KOMITE Y'UBUGENZUZI

Nta raporo batanze.
**Umwanzuro wa 063/07/12:**
Inama njyanama yasabye komite y'ubugenzuzi gusesengura vuba raporo z'ubugenzuzi zakozwe zikagezwa ku nama Njyanama: raporo y'umugenzuzi mukuru, raporo

y'ubugenzuzi ya MINALOC, raporo y'ubugenzuzi y'Umujyi wa Kigali na raporo z'ubugenzuzi bwa Internal audit.

## F. AKANAMA GASHINZWE KUJONJORA ABAKOZI

Akanama gashinzwe kujonjora abakozi kagejeje ku nama Njyanama raporo ku ipiganishwa ry'umukozi ushinzwe itorero, iyo raporo ikaba yarohererejwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta kuwa 06/07/2012 kugirango agire icyo abivugaho mbere y'uko umukozi watsinze yemezwa n'Inama Njyanama.

## V. UMWANZURO WA NJYANAMA KU BAKOZI BAHAGARITSWE BY'AGATEGANYO

### 1) NSENGIYUMWA Jean Claude na KARANGWA Jean de Dieu

NSENGIYUMWA Jean Claude, Social Economic Development (SED) mu kagari ka Kamashashi) na KARANGWA Jean de Dieu (SED mu kagari ka Nonko) mu murenge wa Nyarugunga batangiye akazi tariki 01/04/2011. Tariki ya 30/09/2011, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyarugunga yandikiye Umuyobozi wa Police Station ya Kanombe amusaba gukurikirana abo bakozi babiri kuko bakekwagaho kuba baribye amabati yari yagenewe abaturage. Tariki ya 27/10/2012 bandikiwe buri wese n'Umuyobozi w'Akarere bahagarikwa by'agateganyo mu gihe hagikorwa iperereza ku kibazo cy'ubwo bujura. Bombi baje gufatwa barafungwa , NSENGIYUMWA Jean Claude aza kugirwa umwere ariko KARANGWA Jean de Dieu aguma muri gereza kugeza ubu.

**Umwanzuro wa njyanama n° 064/07/12**

a) Bitewe n'uko **KARANGWA Jean de Dieu** yakoze icyaha mu minsi ya nyuma y'igihe cy'igeragezwa kandi akaza no gufungwa mu gihe kirenze amezi 6, Inama Njyanama yamusezereye nta mpaka ku mwanya wa "Social economic development" mu Kagari ka Nonko. Iki cyemezo na dosiye y'umukozi bikazagezwa kuri komisiyo y'abakozi ba Leta.

b) Bitewe n'uko **NSENGIYUMWA Jean Claude** yaje gukorerwa isuzumabushobozi (evaluation) rikorerwa abarangije icyiciro k'igeragezwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyarugunga wamusuzumye na we ubwe, bagashyira umukono kuri iyo evaluation kuwa 27/01/2012, umukoresha akemeza ko NSENGIYUMWA Jean Claude yongererwa igihe k'igeragezwa ariko akaba ataragaruwe mu kazi kugeza ubu kandi iryo suzuma rikaba ryarabaye nyuma y'uko ahagaritswe by'agateganyo;

Inama Njyanama yemeje ko NSENGIYUMWA Jean Claude asubizwa mu kazi, akongererwa igihe k'igeragezwa giteganywa n'amategeko.

2) **NIBOBOSE Damien / Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka CYIMO, umurenge wa Masaka**

Tariki ya 13/04/2012, NIBOBOSE Damien yahagaritswe ku kazi by'agateganyo kubera kureberera imyubakire y'akajagari mu kagari ayobora. Yari yabanje gusabwa ibisobanuro ariko ibisobanuro yatanze ntibyanyuze ubuyobozi kuko ibyubatswe bigaragarira buri wese.

**Umwanzuro wa njyanama n° 065/07/12**
Inama Njyanama yamusezereye nta mpaka ku mwanya wa Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu kagari ka CYIMO. Iki cyemezo na dosiye y'umukozi bikazagezwa kuri komisiyo y'abakozi ba Leta.

3) **MAKUZA Jean Marie Vianney /Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka KANSEREGE, umurenge wa GIKONDO**

MAKUZA Jean Marie Vianney yandikiwe asabwa kwisobanura tariki 06/03/2012, kuri ibi bibazo :

- Ikibazo cyo kutarangiza imanza za gacaca zaciwe kera,
- Gukoresha amafaranga 2,200,000frw yasagutse mu kwishyura abangirijwe imitungo muri jenoside yakorewe abatutsi ntayageze kuri nyirayo (2009-2010),
- Kudacyemura ibibazo by'abaturage ku gihe
- Impamvu atubahiriza amasaha y'akazi .

Yahagaritswe tariki ya 13/04/2012, agezwa mu nzego z'ubushinjacyaha kubera ikibazo cy'amafaranga yavuzwe haruguru atagejeje kuri nyirayo, aza kwemera kuyishyura arafungurwa.

**Umwanzuro wa njyanama n° 066/07/12**
Inama Njyanama yamusezereye nta mpaka ku mwanya wa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari ka Kanserege kubera icyaha cyo kuba yarakoresheje amafaranga y'umuturage akayatanga ari uko hakoreshejwe imbaraga za Leta kandi ariwe warushinzwe kurenganura abaturage. Iki cyemezo na dosiye y'umukozi bikazagezwa kuri komisiyo y'abakozi ba Leta.

## VI. RAPORO YA PHARMACIE Y'AKARERE

Umuyobozi w'inama yagejeje ku bajyanama raporo y'inama y'Ubutegetsi ya Farumasi kugirango yemezwe. Mu byemezo bimwe abajyanama baganiriyeho ni ibijyanye no:

- Kuvana "sitting allowance" y'abagize inama y'ubutegetsi ku mafaranga 15,000Frw ikagera kuri 25,000Frw kandi nta tegeko cyangwa ibwiriza bishingiyeho.
- Kwemeza prime za buri kwezi ku bakozi nta bwiriza cyangwa itegeko rigaragajwe.

**Umwanzuro wa njyanama n° 067/07/12**

- Bitewe n'uko Inama Njyanama isabwa kwemeza imyanzuro y'inama y'ubutegetsi ya farumasi kandi bikaba bimaze kugaragara ko hari imyanzuro ifatwa idashingiye ku mategeko cyangwa amabwiriza aturutse mu nzego zibishinzwe, Inama Njyanama yasabye ko inama y'ubutegetsi ya farumasi yahuza gahunda z'inama za Farumasi n'inama zisanzwe z'Inama Njyanama.
- Inama Njyanama yemeje ko ku bijyanye na Prime zigenerwa abakozi no kongera sitting allowance ku bagize inama y'ubutegetsi biba bisubitswe kugirango habanze hameyekane amategeko cyangwa amabwiriza abigenga;
- Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi wa Farumasi yajya atumirwa mu nama y'akazi (management meeting)y'Akarere kugirango amenye imikorere y'Akarere nako kamenye imikorere ya Farumasi.

## VII. UMUSANZU MUSHYA WA RALGA

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abajyanama ko inteko rusange ya RALGA mu nama yayo yo kuwa 9/06/2012 yemeje ko umusanzu utangwa na buri munyamuryango wa RALGA ari miliyoni makumyabiri n'eshanu uhereye mu mwaka w'ingengo y'imari 2012-2013. Amafaranga angana na 47% ya RALGA akaba azakoreshwa mu bikorwa byo guha serivisi za recruitment abanyamuryango na "induction training"

## VII. IKIBAZO CY'ISOKO RYA KABEZA

Nk'uko byari byarasabwe ko hashakwa umugenagaciro wemewe n'amategeko kugirango ahe agaciro ahahoze isoko rya Kabeza, Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku nama raporo y'igenagaciro ryakozwe.

**Umwanzuro wa njyanama n° 068/07/12**

- Inama Njyanama yemeje ibyavuye muri iryo genagaciro ringana na miliyoni mirongo ine na zirindwi, ibihumbi magana tanu mirongo itandatu na kimwe n'amafaranga mirongo itatu na rimwe (47,561,031Frw) nk'uko yakozwe na C&K Consultants Ltd.
- Inama Njyanama yemeje ko company ishaka kuhubaka ihahiro rya kijyambere imenyeshwa igiciro cy'ubwo butaka ikanasabwa kugeza ku nama Njyanama igishushanyo cy'inyubako bashaka kuhashyira kugirango nacyo cyemezwe.

## VIII. IBINTU N'IBINDI

a) **Ikibazo cy'abaturage bo mu Murenge wa Kicukiro, akagari ka Kagina batuye mu gishanga**

Inama Njyanama yemeje ko Akarere gafatanya n'abo baturage gushaka uburyo bakwimurwa vuba hahereye kubabangamiwe cyane.

b) **Ubutumire mu mahugurwa y'abajyanama 10 b'Akarere na 3 kuri buri murenge**

Umuyobozi w'inama yamenyesheje abajyanama ko hari amahugurwa agenewe abajyanama 10 b'Akarere na 3 kuri buri murenge ateganyijwe kuwa 21/07/2012 kuri Nobleza Hotel guhera saa tatu za mugitondo. Asaba abatumiwe kuzayitabira.

Umuyobozi w'inama yashoje inama ashimira abayitabiriye bose .

**Umwanditsi w'inama**
Ingabire Laetitia

**Umuyobozi w'inama**
Dr NYIRAHABIMANA Jeanne